**Ukwakira, 2016**

Ibaruwa ya Peggy

Nshuti bakundwa,

Ni ibyo igiciro gufatanya namwe mur' iki gikorwa cy' amasengesho kw' isi yose. Wowe ni urugingo rufite akamaro rw' itsinda ryacu ry' amasengesho y'isi yose ya Project Hannah. Urukundo n' amasengesho byawe bidufitiye umumaro munini cyane kandi birakenewe cyane mu gihe nk' iki.

Imitima yacu n'ubwenge bwacu tubishyize hamwe mur'uku kwezi kwa cumi, ndifuza ko mu gusenga buri wese muri twe yatekereza icyo kugira inzara n' inyota by'Imana bisobanura. Kumenya Imana birushijeho, guhimbaza birushijeho, no kuyirukira kugira ngo ubone ibyiringiro no gukira mu gihe tubababaye. Kubona icyo twifuza cyane mu mibereho yacu kivuye ku Muremyi, waremye imitima yacu.

Ndizera ko abagore bafite inzara y' iby' Imana cyane bashobora guhindurira isi kuri Yesu. Uretse nibyo, kugira ngo tugire iyo mibereho, ni ngombwa kugambirira gutera intambwe mw' Ijambo ry' Imana rizanyura imitima yacu. Mu gihe dufite inzara y' ibyo Imana mu buryo bw' amasengesho, ni ngombwa ko mu buzima bwacu duhe Imana igihe.

Yesu yaravuze, "Hahirwa abafite inzara n' inyota byo gukiranuka, kukw' ari bo bazahazwa.(Matayo 5:6). None rero kuki tutabona ubushobozi bw' Imana no kugaragara kwayo mur' iki gihe? Igisubizo cyiroroshye cyane:Twuzuye ibintu byinshi cyane bitari iby' Imana.

Naribajije, "hari ibintu mu buzima bwanjye byaba ari ngombwa gutunganya birushijeho ngo mbihe Yesu kugira ngo haboneke imbaraga z' Imana?" Ese njya ndushaho kugirira Imana inzara? Nigeze kumva umugore abaza ikibazo, "ni buryo ki nashobora kuba umugore wubaha Imana?" Igisubizo cyanjye cyabaye ko, Kugira ngo ube umugore wubaha Imana, ugomba kuyifuza birushijeho.

Dukeneye kubona Imana n'imbaraga zayo mu buzima bwacu. Tugomba kugira inzara n' inyota byo gukiranuka, gukiranuka kubonerwa mu mibanire yacu na Yesu. Mu gihe twifuza gushyikirana na Yesu birushijueho, turuzuzwa kandi tukanyurwa.

Ikibazo ni iki, "Ufite inzara yo kubona Imana birushijeho?" Mbese waba ufite inzara ihagije yo gushaka Imana no kuyiririra kubera ko ariyo gisubizo mu gukiza no kukurinda mu buryo bw' Umwuka?

Nifuza kugira inzara n' inyota by' Umwuka buri munsi. Ndizera ko nawe ari ko bimeze. Amasengesho yacu y' uku kwezi atere abandi kugira inzara yo kwegera hafi y' Imana binyuze mu Mana, no mu Mwami wacu Yesu Kristo.

Muri we imitima yacu irahimbaza.

Peggy Banks
Umuyobozi kw'isi wa Project Hannah.